**ICYEMEZO N° 008/2022/TB/BWS-JDD CYA PEREZIDA W'URUKIKO RW'IBANZE RWA BWISHYURA GITEGEKA UMUBURANYI KWITABA URUKIKO.**

Umunsi wa cumi n'ine, ukwezi kwa Mata, umwaka w'ibihumbi bibiri na makumyabiri na kabiri;

Twebwe NIYONSABA Emelyne, Perezida w'Urukiko rw'Ibanze rwa BWISHYURA, dufashijwe na MPORWIKI Jean Marie Vianney, Umwanditsi Mukuru w'urwo Rukiko;

**Tumaze** kubona ko mu iburanisha ryo kuwa 14/04/2022 ry'urubanza RP 00271/2021/TB/BWS, UBUSHINJACYAHA buregamo NTAWUGURANAYO CYPRIEN mwene TWAGIRIMANA ELIAS na NYIRAHAVUGIMANA DELIYANA utuye mu Mudugudu wa Uwabashi, Akagari ka Kinyonzwe, Umurenge wa Mutuntu, Akarere ka Karongi, Intara ya Intara y'iburengerazuba, ukora ................................. Tel +250789300710 icyaha cy'ubuhemu; uyu NTAWUGURANAYO CYPRIEN atitabye urukiko ariko umwanditsi w'urukiko wavuganye kuri telephone na mudugudu wa Uwabashi akamubwira ko batamugira muri uwo mudugudu;

**Tumaze** kubona ko urukiko rwemeje ko ahamagazwa ahatazwi;

**Dushingiye** ku ngingo ya 46 y'Itegeko No 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi nk'uko ryahinduwe kugeza ubu ivuga ko «Imenyesharuhame rikorwa mu buryo bwo kumanika kopi y'ihamagara ahantu hagaragara hagenwe n'Urukiko rwaregewe mu kibanza cyarwo n'aho Inkiko Zisumbuye zose zikorera, mu gihe cy'amezi abiri (2). Ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bijyana no gutangaza icyemezo cya Perezida w'Urukiko gitegeka uwarezwe kwitaba Urukiko mu gihe giteganyijwe, akanasabwa kugaragaza umurongo wa interineti azajya amenyesherezwaho ibijyanye n'urubanza rwe. Icyemezo gitangazwa ku rubuga rw'urwego rw'ubucamanza, ku rubuga rw'imanza zirangizwa, ndetse no mu kindi kinyamakuru cyagenwe na Perezida w'Urukiko. Perezida w'Urukiko ashobora gutegeka ko itangazo rikorwa mu bundi buryo bubereye nko gukoresha radio, televiziyo cyangwa irindi koranabuhanga. Itangazwa ry'icyemezo rikorwa mu Kinyarwanda. Icyakora, rishobora no gukorwa mu rundi rurimi rwemewe mu butegetsi iyo bibaye ngombwa ».

**Dutegetse** ko NTAWUGURANAYO CYPRIEN wavugiwe umwirondoro haruguru ahamagazwa ahatazwi mu burryo bw'imenyesharuhame akazitaba urukiko kuwa 16/06/2022 i saa mbiri za mugitondo kandi iki cyemezo kimanikwa ahabugenewe ndetse kikanatangazwa ku rubuga rw'urwego rw'ubucamanza.

NI UKO ICYEMEZO GIFATIWE MU BIRO BYACU KU ITARIKI YAVUZWE HEJURU

NIYONSABA Emelyne — MPORWIKI Jean Marie Vianney

UMUCAMANZA — UMWANDITSI MUKURU W'URUKIKO

REPUBLIKA Y'U RWANDA

URUKIKO: TB BWISHYURA
P.O.B: ..................................................
TEL.: ..................................................
E-mail: ..................................................

INYANDIKO Y'UMWANDITSI IHAMAGARA UMUBURANYI UDAFITE AHO ABARIZWA HAZWI

Umwaka wa 2022, umunsi wa 16 w'ukwezi kwa Mata

Bisabwe na UBUSHINJACYAHA utuye mu Mudugudu wa - Akagari ka - Umurenge wa - Akarere ka - Intara ya - TEL +250725485996 P.O.B - e-mail ried.prosecution@rra.gov.rw uburanirwa/wunganirwa na SEMUHUNGU Paul

Twebwe MPORWIKI Jean Marie Vianney umwanditsi w'UrukikoTB BWISHYURA

Nshingiye ku ngingo 98, 102 n'iya 103 z'Itegeko N° 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha;

Menyesheje NTAWUGURANAYO CYPRIEN mwene TWAGIRIMANA ELIAS na NYIRAHAVUGIMANA DELIYANA utuye mu Mudugudu wa Uwabashi, Akagari ka Kinyonzwe, Umurenge wa Mutuntu, Akarere ka Karongi, Intara ya Intara y'iburengerazuba , ukora .................................. Tel +250789300710 P.O.B - e-mail -. uburanirwa/wunganirwa na - Tel - P.O.B - e-mail - uburanirwa/wunganirwa na - Tel - P.O.B - e-mail - ariko ubu utazwi aho atuye, ko agomba kwitaba UrukikoTB BWISHYURA, 2022-06-16 kuwasaa 08:00 aho ruburanishiriza imanza z'inshinjabyaha;

Kugira ngo yiregure ku kirego yarezwegifite n° RP 00271/2021/TB/BWS cyatanzwe cyatanzwe na UBUSHINJACYAHA utuye mu Mudugudu wa - Akagari ka - Umurenge wa - Akarere ka - Intara ya - TEL +250725485996 P.O.B - e-mail ried.prosecution@rra.gov.rw uburanirwa/wunganirwa na -

Ikiburanwa: Icyaha cy'ubuhemu

« Kubera ko uhamagawe mu rukiko adafite aho atuye cyangwa aho aba hazwi haba mu Rwanda cyangwa mu mahanga, TB BWISHYURA manitse kopi y'iri hamagara ...................... (ahagenwe n'urukiko) kandi inyandiko yayo mu magambo ahinnye nyimanitse ku miryango y'Iinkiko Zisumbuye mu gihe cy'amezi abiri ».

Iri hamagara rizamara amezi abiri nk'uko biteganywa n'ingingo ya 103 y'Itegeko N° 027/2019 ryo ku wa 09/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha;

UHAMAGAWE
NTAWUGURANAYO CYPRIEN

UMWANDITSI
MPORWIKI Jean Marie Vianney